

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 007/19.20 RYO KU WA 17/03/2020 RIGENA IBY'INGENZI BIKUBIYE MU MASEZERANO Y'UMURIMO YANDITSE</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 007/19.20 OF 17/03/2020 DETERMINING CORE ELEMENTS OF A WRITTEN EMPLOYMENT CONTRACT</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 007/19.20 DU 17/03/2020 DÉTERMINANT LES ÉLÉMENTS ESSENTIELS DU CONTRAT DE TRAVAIL CONSTATÉ PAR ÉCRIT</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije</p>	<p><u>Article One:</u> Purpose of this Order</p>	<p><u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté</p>
<p><u>Ingingo ya 2:</u> Iby'ingenzi mu masezerano y'umurimo yanditse</p>	<p><u>Article 2:</u> Core elements of a written employment contract</p>	<p><u>Article 2:</u> Éléments essentiels du contrat de travail constaté par écrit</p>
<p><u>Ingingo ya 3:</u> Iby'ingenzi mu masezerano y'umurimo by'inyongera ku mukozi ukorera mu mahanga</p>	<p><u>Article 3:</u> Additional core elements to employment contract of an employee working abroad</p>	<p><u>Article 3:</u> Éléments essentiels supplémentaires dans le contrat de travail pour un travailleur travaillant à l'étranger</p>
<p><u>Ingingo ya 4:</u> Ururimi amasezerano y'umurimo ategurwamo</p>	<p><u>Article 4:</u> Language of drafting employment contract</p>	<p><u>Article 4:</u> Langue de rédaction du contrat de travail</p>
<p><u>Ingingo ya 5:</u> Ivanwaho ry'iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka</p>	<p><u>Article 5:</u> Repealing provision</p>	<p><u>Article 5:</u> Disposition abrogatoire</p>
<p><u>Ingingo ya 6:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 6:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 6:</u> Entrée en vigueur</p>

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 007/19.20 RYO KU WA 17/03/2020 RIGENA IBY'INGENZI BIKUBIYE MU MASEZERANO Y'UMURIMO YANDITSE</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 007/19.20 OF 17/03/2020 DETERMINING CORE ELEMENTS OF A WRITTEN EMPLOYMENT CONTRACT</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 007/19.20 DU 17/03/2020 DÉTERMINANT LES ÉLÉMENTS ESSENTIELS DU CONTRAT DE TRAVAIL CONSTATÉ PAR ÉCRIT</p>
<p>Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;</p>	<p>The Minister of Public Service and Labour;</p>	<p>Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail;</p>
<p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;</p>	<p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;</p>	<p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;</p>
<p>Ashingiye ku Itegeko n° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 11;</p>	<p>Pursuant to Law n° 66/2018 of 30/08/2018 regulating labour in Rwanda, especially in Article 11;</p>	<p>Vu la Loi n° 66/2018 du 30/08/2018 portant réglementation du travail au Rwanda, spécialement en son article 11;</p>
<p>Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 05 ryo ku wa 13/07/2010 rigena iby'ingenzi bikubiye mu masezerano y'akazi yanditse n'ibyo yubahiriza;</p>	<p>Having reviewed Ministerial Order n° 05 of 13/07/2010 determining the major contents and modalities for a written contract;</p>	<p>Revu l'Arrêté Ministériel n° 05 du 13/07/2010 déterminant les principaux termes et modalités du contrat de travail écrit;</p>
<p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 28/01/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p>	<p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 28/01/2020;</p>	<p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 28/01/2020;</p>
<p>ATEGETSE:</p>	<p>ORDERS:</p>	<p>ARRÊTE:</p>

<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p> <p>Iri teka rigena iby’ingenzi bikubiye mu masezerano y’umurimo yanditse.</p>	<p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p> <p>This Order determines core elements of a written employment contract.</p>	<p><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></p> <p>Le présent arrêté détermine les éléments essentiels du contrat de travail constaté par écrit.</p>
<p><u>Ingingo ya 2: Iby’ingenzi mu masezerano y’umurimo yanditse</u></p> <p>Amasezerano y’umurimo yanditse agomba kuba akubiyemo iby’ingenzi bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1° umwirondoro w’umukozi n’uw’umukoresha; 2° icyo amasezerano agamije; 3° inshingano z’abagiranye amasezerano; 4° igihe amasezerano azamara; 5° imiterere y’umurimo; 6° intera cyangwa urwego rw’umurimo; 7° aho umurimo uzakorerwa; 8° igihe cy’igeragezwa; 9° amasaha y’akazi; 	<p><u>Article 2: Core elements of a written employment contract</u></p> <p>A written employment contract must contain the following core elements:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1° identification of the employee and employer; 2° purpose of the contract; 3° obligations of contracting parties; 4° duration of the contract; 5° nature of the employment; 6° category or level of employment; 7° place of work; 8° probation period; 9° working hours; 	<p><u>Article 2: Éléments essentiels du contrat de travail constaté par écrit</u></p> <p>Un contrat de travail constaté par écrit doit comporter les éléments essentiels ci-après:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1° l’identification du travailleur et celle de l’employeur; 2° l’objet du contrat; 3° les obligations des parties contractantes; 4° la durée du contrat; 5° la description de l’emploi; 6° la catégorie ou le niveau d’emploi; 7° le lieu de travail; 8° la période d’essai; 9° les heures de travail;

<p>10° umushahara n'ibindi bigenerwa umukozi;</p> <p>11° ibikurwa ku mushahara w'umukozi;</p> <p>12° igihe cyo kwishyura umushahara n'aho bikorerwa;</p> <p>13° igihembo cy'amasaha y'ikirenga;</p> <p>14° uburyo umukozi ashobora kwimurirwa ahandi;</p> <p>15° uburyo bwo gukemura impaka;</p> <p>16° uburyo bwo gusesa amasezerano y'umurimo;</p> <p>17° itariki amasezerano y'umurimo atangirira gukurikizwa.</p> <p>Amasezerano y'umurimo ashobora kongerwamo izindi ngingo zibereye impande zombi.</p>	<p>10° salary and fringe benefits for an employee;</p> <p>11° deductions on salary of an employee;</p> <p>12° date and place of payment of the salary;</p> <p>13° overtime remuneration;</p> <p>14° procedure of transfer of an employee;</p> <p>15° dispute settlement procedure;</p> <p>16° procedures for termination of the employment contract;</p> <p>17° date of commencement of the employment contract.</p> <p>An employment contract may include other clauses favourable to the contracting parties.</p>	<p>10° les salaires et les avantages du travailleur;</p> <p>11° les déductions au salaire du travailleur;</p> <p>12° la date et le lieu de paiement du salaire;</p> <p>13° le taux de rémunération des heures supplémentaires;</p> <p>14° la procédure de mutation d'un travailleur;</p> <p>15° la procédure de règlement des différends;</p> <p>16° la procédure de résiliation du contrat de travail;</p> <p>17° la date d'entrée en vigueur du contrat de travail.</p> <p>Le contrat de travail peut comporter d'autres clauses favorables aux parties contractantes.</p>
--	---	--

<p><u>Ingingo ya 3: Iby’ingenzi mu masezerano y’umurimo by’inyongera ku mukozzi ukorera mu mahanga</u></p> <p>Iyo umukozzi asabwe gukorera mu mahanga, amasezerano y’umurimo agomba kugaragaza ibindi by’ingenzi bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1° igihe umukozzi agomba gukorera mu mahanga; 2° ubwoko bw’amafaranga umukozzi azahembwamo muri icyo gihe; 3° ibisabwa kugira ngo umukozzi agaruke; 4° ahantu n’uburyo umusanzu w’ubwiteganyirize bw’umukozzi uzishyurwa. 	<p><u>Article 3: Additional core elements to employment contract of an employee working abroad</u></p> <p>In case an employee is required to work abroad, the employment contract must indicate the following other core elements:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1° the period the employee is required to serve abroad; 2° the currency in which remuneration is to be paid during that period; 3° all terms relating to the employee’s repatriation; 4° place and procedure for payment of employee’s social security contributions. 	<p><u>Article 3: Éléments essentiels supplémentaires dans le contrat de travail pour un travailleur travaillant à l’étranger</u></p> <p>Lorsque le travailleur est obligé de travailler à l’étranger, le contrat de travail indique d’autres éléments essentiels ci-après:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1° la période pendant laquelle le travailleur doit travailler à l’étranger; 2° la monnaie de paiement de son salaire pendant cette période; 3° tous les termes généraux concernant le retour du travailleur; 4° l’endroit et la procédure de paiement des cotisations du travailleur à la sécurité sociale.
<p><u>Ingingo ya 4: Ururimi amasezerano y’umurimo ategurwamo</u></p> <p>Amasezerano y’umurimo akorwa mu rurimi urwo ari rwo rwose mu ndimi zemewe mu butegetsi.</p> <p>Amasezerano y’umurimo yandikwa mu rurimi umukozzi n’umukoresha bumva. Iyo umukozzi n’umukoresha badahuje ururimi,</p>	<p><u>Article 4: Language of drafting employment contract</u></p> <p>An employment contract is drafted in any language among the official languages.</p> <p>An employment contract is drafted in a language that an employee and an employer understand. If the employee and the employer</p>	<p><u>Article 4: Langue de rédaction du contrat de travail</u></p> <p>Le contrat de travail est rédigé dans n’importe quelle langue parmi les langues officielles.</p> <p>Un contrat de travail est rédigé dans une langue que le travailleur et l’employeur comprennent. Si le travailleur et l’employeur</p>

<p>amasezerano y’umurimo akorwa mu ndimi ebyiri (2), rumwe umukozi yumva n’urundi umukoresha yumva.</p> <p><u>Ingingo ya 5: Ivanwaho ry’iteka n’ingingo zinyuranyije n’iri teka</u></p> <p>Iteka rya Minisitiri n° 05 ryo ku wa 13/07/2010 rigena iby’ingenzi bikubiye mu masezerano y’akazi yanditse n’ibyo yubahiriza n’ingingo zose z’amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 6: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</u></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.</p>	<p>do not understand the same language, an employment contract is drafted in two (2) languages, one that the employee understands and another that the employer understands.</p> <p><u>Article 5: Repealing provision</u></p> <p>Ministerial Order n° 05 of 13/07/2010 determining the major contents and modalities for a written contract and all prior provisions contrary to this Order are repealed.</p> <p><u>Article 6: Commencement</u></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>ne comprennent pas la même langue, le contrat de travail est rédigé dans deux (2) langues, l’une que le travailleur comprend et l’autre que l’employeur comprend.</p> <p><u>Article 5: Disposition abrogatoire</u></p> <p>L’Arrêté Ministériel n° 05 du 13/07/2010 déterminant les principaux termes et modalités du contrat de travail écrit ainsi que toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogés.</p> <p><u>Article 6: Entrée en vigueur</u></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
--	--	--

<p>Kigali, ku wa 17/03/2020</p> <p>(sé)</p> <p>RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo</p>	<p>Kigali, on 17/03/2020</p> <p>(sé)</p> <p>RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan Minister of Public Service and Labour</p>	<p>Kigali, le 17/03/2020</p> <p>(sé)</p> <p>RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan Ministre de la Fonction Publique et du Travail</p>
<p>Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:</p> <p>(sé)</p> <p>BUSINGYE Johnston Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta</p>	<p>Seen and sealed with the Seal of the Republic:</p> <p>(sé)</p> <p>BUSINGYE Johnston Minister of Justice/Attorney General</p>	<p>Vu et scellé du Sceau de la République:</p> <p>(sé)</p> <p>BUSINGYE Johnston Ministre de la Justice/Garde des Sceaux</p>